## Abafatanyabikorwa

Mencare+ irangajwe imbere n'umuryango wa Rutgers WPF uzwiho kugira ubunararibonye mu guteza imbere ubuzima bw'imyororokere n'uburenganzira bijyana. Ufatanya kandi na PROMUNDO umuryango mpuzamahanga ufite ubunararibonye n'ubuhanga mu gukangurira abasore n'abagabo guteza imbere uburinganire, ubwuzuzanye no kurwanya no guhagarika ihohotera. Iyi miryango yombi (Rutgers WPF na PROMUNDO) ikorana n'iyindi miryango ifite nayo ubunararibonye butandukanye mu bihugu bya Brazil, Indoneziya, Afurika y'eEpfo n'u Rwanda.

Ibindi bisobanuro wabisanga ku mbuga za interineti zikurikira: www.rutgerswpf.org na www.promundo.org.br/en.

PROMUNDO
RWAMREC
men working with women to promote gender equality
PKBI
RutgersWPF
MOSAIC
TRAINING, SERVICE & HEALING CENTRE FOR WOMEN
Sonke Gender Justice Network
HIV/AIDS, Gender Equality, Human Rights
Yayasan Pulih
RIFKA ANNISA
PUSAT PENGEMBANGAN SUMBERDAYA UNTUK PENGHAPUSAN KEKERASAN TERHADAP PEREMPUAN
ALIANSI
LAKI-LAKI BARU

## Gahunda y'ubukangurambaga ya MenCare

Mencare ni gahunda y'ubukangurambaga ku rwego rw'isi igamije gukangurira abagabo kugira uruhare mu buringanire kandi rutarangwa n'ihohotera bituma baba abagabo bita ku ngo zabo hagamijwe kugera ku mibereho myiza y'imiryango n'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'umugabo n'umugore. Ibikorwa by'ubu bukangurambaga bikorwa ku nzego zitandukanye ari zo itangazamakuru, ishyirwa mu bikorwa rya gahunda zitandukanye ndetse n'ubuvugizi. Interineti: www.men-care.org.

## Umuryango wa RWAMREC muri make

Umuryango uharanira uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'umugabo n'umugore no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina (RWAMREC) ugamije gukangurira abagabo gufasha abagore ngo bagire ubushobozi bwo kuyobora, kugira uruhare mu kurandura burundu ihohotera rikorerwa abagore maze abagabo bakabasha kuba icyitegererezo cyo guteza imbere imyitwarire ihwitse ya kigabo.

RWAMREC
men working with women to promote gender equality

**Rwanda Men's Resource Center**

*Men working with women to promote gender equality*

YYUSSA PLAZA Building 2nd Floor
Remera-Kisimenti, Kigali, Rwanda
www.rwamrec.org
info@rwamrec.org

Men Care +

ENGAGING MEN IN A 4-COUNTRY INITIATIVE



Photo by Gary Barker

## Imvano

Guteza imbere ubuzima bw'imyororokere n'uburenganzira bw'abagore n'abakobwa bibangamirwa cyane n'amahame y'umuco atita ku buringanire n'ubwuzuzanye ariko cyane cyane bikabangamirwa no kutagira ububasha bwo gufata ibyemezo. Niyo mpamvu usanga abagore n'abakobwa benshi bahura n'ingaruka zikomeye mu buzima bw'imyororokere harimo kugira

ibibazo mu gihe cyo kubyara, kwandura agakoko gatera SIDA ndetse no gukorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Uruhare rw'abahungu n'abagabo ni igenzi mu guteza imbere uburenganzira bw'abagore n'abakobwa ku buzima bw'imyororokere, kugabanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina, no kubaka imibanire hagati y'bagabo n'abagore irangwa no kubahana. Mu buzima bw'abasore n'abagabo, kuba umubyeyi ni ikintu cy'ingenzi gitanga amahirwe yo gufasha urubyiruko n'abasore bateganya gushinga urugo kugira imyumvire myiza iranga umugabo nyawe.

Iyo abagabo bagize uruhare mu kwita ku buzima bw'umuryango wabo, ihohotera rikorerwa abashakanye riragabanuka, uburenganzira bw'abagore bugatera imbere kandi imikurire y'abana nayo igatera imbere. Iyo abagabo bagize uruhare rufatika mu buzima bw'abo bashakanye n'ubw'abana babo, bituma habaho uburinganire n'ubwuzuzanye kandi bose babyungukiramo: abana, abagore n'abagabo ubwabo. Ubushakashatsi bwagaragaje ko iyo abagabo bitaye uko bikwiye ku miryango yabo, umunezero hagati y'abashakanye uriyongera kandi imibereho y'umuryango ikarushaho kuba myiza.

## Umushinga wa MenCare+

Mencare+ ni umushinga uzamara imyaka itatu urangajwe imbere n'umuryango wa Rutgers WPF na PROMUNDO US ukaba warateguwe hagendewe kuri gahunda y'ubukangurambaga ikorwa ku isi yose yitwa Mencare.

Uyu mushinga rero wateguwe ugamije gukangurira abagabo n'abasore bafite hagati y'imyaka 15 na 35 kugira uruhare mu kwita kubo bashakanye (abo bakunda), kugira uruhare mu buzima bw'umwana n'umubyeyi ndetse no kugira uruhare mu buzima bw'imyororokere n'uburenganzira bigendana. Muri iki gihe, uyu mushinga uri gushyirwa mu bikorwa mu bihugu bine: Brazil, Indoneziya, Afurika y'epfo no mu Rwanda. Uterwa inkunga na Minisiteri y'ububanyi n'amahanga y'Ubuholandi.




## Bandebereho mu Rwanda

Mu Rwanda, Umuryango uharanira uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'umugabo n'umugore no kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina (RWAMREC) niwo ushyira mu bikorwa umushinga wa Mencare+. Uyu mushinga uzakorana n'ibigo nderabuzima binyuze mu matsinda y'amahugurwa (azajya ahuza abasore n'inkumi, abagabo n'abagore, ababyeyi - b'abagabo - ndetse n'abashakanye). Uzanakora kandi amahugurwa ku bakora mu bigo nderabuzima ndetse unakore ibikorwa by'ubuvugizi n'ubukangurambaga. RWAMREC ifatanije na Minisiteri y'ubuzima na PROMUNDO bishyira mu bikorwa uyu mushinga mu turere twa Karongi, Musanze, Nyaruguru na Rwamagana.

## Ibiteganywa kugerwaho

Hagendewe kuri politiki zo ku rwego rw'igihugu, uyu mushinga uzashyirwa mu bikorwa mu Rwanda ugamije kugera kuri ibi bikurikira:

- Guteza imbere ubuzima bw'imyororokere, ubuzima bw'umugore, kongera ubumenyi n'ubushobozi mu gufata ibyemezo byiza ku basore n'inkumi, abagabo b'ababyeyi ndetse n'abashakanye;
- Kongera imibare y'abakoresha uburyo bwo kuboneza urubyaro ku basore n'abashakanye;
- Gutanga serivisi nziza zirebana n'ubuzima bw'imyororokere ku buryo abasore, inkumi, abagabo n'abagore bagira uruhare mu buzima bw'imyororokere ndetse n'ubuzima bw'ababyeyi;
- Guteza imbere imyumvire yubahisha ubuzima bw'imyororokere n'uburenganzira bijyana hifashishijwe ubufatanyabikorwa n'ubuvugizi bizateza impinduka muri politiki zo gukangurira abagabo kugira uruhare mu buzima bw'imyororokere n'ubuzima bw'umubyeyi n'umwana.